REPUBULIKA Y'U RWANDA

NATIONAL INSTITUTE OF STATISTICS OF RWANDA

# IGIPIMO CY'IHINDAGURIKA RY'IBICIRO (CPI)

## UKWEZI KWA NYAKANGA 2016

**10 Kanama 2016**

IKIGO CY'IGIHUGU CY'IBARURISHAMIBARE MU RWANDA

## IGIPIMO CY'IHINDAGURIKA RY'IBICIRO MU KWEZI KWA NYAKANGA 2016

Ikigo cy'igihugu gishinzwe ibarurishamibare mu Rwanda kinejejwe no kubagezaho igipimo cy'ihindagurika ry'ibiciro mu kwezi kwa Nyakanga 2016. Igipimo ngenderwaho cyifashishwa mu bukungu bw'u Rwanda kiboneka hifashishijwe gusa ibiciro byakusanyijwe mu mijyi.

### A. Ibiciro mu mijyi

Ibiciro mu mijyi byiyongereyeho 6,9% mu kwezi gushize kwa Nyakanga 2016 ugereranyije na Nyakanga 2015. Twakwibutsa ko ihinduka ry'ibiciro mu Rwanda mu kwezi kwa gatandatu (Kamena 2016) ryari ku kigereranyo kingana na 5,5%.

Bimwe mu byatumye ibiciro bizamukaho 6,9% mu kwezi kwa Nyakanga ni ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byazamutseho 13,8%, ibiciro by'amazu, amazi, amashanyarazi, gazi n'ibindi bicanwa byazamutseho 2,7% n'ibiciro by'ibijyanye n'ubwikorezi byazamutseho 8,7%.

Iyo ugereranyije Nyakanga 2016 na Nyakanga 2015, usanga ibiciro by'ibintu bitarimo ibiribwa n'ibikomoka ku ngufu byarazamutseho 4,2%.

Wagereranya ukwezi kwa karindwi (Nyakanga 2016) n'ukwezi kwa gatandatu (Kamena 2016) ibiciro byazamutseho 1.1%. Iri zamuka rikaba ryaratewe n'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byazamutseho 2,2% n'ibiciro by'ibijyanye n'ubwikorezi byazamutseho 2,9%.

### B. Ibiciro mu byaro

Mu kwezi gushize kwa Nyakanga 2016 ibiciro mu byaro byiyongereyeho 8,3% ugereranyije na Nyakanga 2015. Twakwibutsa ko ihinduka ry'ibiciro mu byaro mu kwezi kwa gatandatu (Kamena 2016) ryari ku kigereranyo kingana na 6,7%.

Bimwe mu byatumye ibiciro bizamukaho 8,3% mu kwezi kwa Nyakanga ni ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byazamutseho 14,5% n'ibiciro by'amazu, amazi, amashanyarazi, gazi n'ibindi bicanwa byazamutseho 1,6%.

Iyo ugereranyije ukwezi kwa karindwi (Nyakanga 2016) n'ukwezi kwa gatandatu (Kamena 2016) ibiciro byazamutseho 1,4%. Iri zamuka ahanini ryatewe n'izamuka ry' ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byazamutseho 2,5%.

## C. Ibiciro bikomatanyirijwe hamwe (mu mijyi no mu byaro)

Mu kwezi gushize kwa Nyakanga 2016 ibiciro mu Rwanda byiyongereyeho 7,8% ugereranyije na Nyakanga 2015. Twakwibutsa ko ibiciro mu Rwanda mu kwezi kwa gatandatu (Kamena 2016) byiyongereyeho 6,3%.

Bimwe mu byatumye ibiciro byiyongeraho 7,8% mu kwezi kwa Nyakanga 2016 ni ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byazamutseho 14,3%, ibiciro by'amazu, amazi, amashanyarazi, gazi n'ibindi bicanwa byazamutseho 2,0% n'ibiciro by'ibijyanye n'ubwikorezi byazamutseho 5,9%.

Iyo ugereranyije ukwezi kwa karindwi (Nyakanga 2016) n'ukwezi kwa gatandatu (Kamena 2016) ibiciro byazamutseho 1,3%. Iri zamuka ahanini ryatewe n'izamuka ry' ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byazamutseho 2,5% n'ibiciro by'ibijyanye n'ubwikorezi byazamutseho 2,1%. .

**Imbonerahamwe igaragaza incamake y'ihindagurika ry'ibiciro mu Rwanda kuva muri Nyakanga 2015 kugeza muri Nyakanga 2016.**

**Imbonerahamwe igaragaza incamake y'ihindagurika ry'ibiciro mu Rwanda kuva Nyakanga 2015 kugeza Nyakanga 2016**

*ijanisha ry'ihinduka ry'ibiciro ugereranyije n'ukwezi bisa k'umwaka ushize n'ukwezi kwakubanjirije*

| | 2015 | | | | | | 2016 | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| | **07** | **08** | **09** | **10** | **11** | **12** | **01** | **02** | **03** | **04** | **05** | **06** | **07** |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku mwaka mu mijyi | 2,3 | 3,0 | 3,7 | 2,9 | 4,8 | 4,5 | 4,5 | 4,4 | 4,6 | 4,7 | 4,6 | 5,5 | 6,9 |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku mwaka mu byaro | 0,4 | 1,7 | 3,6 | 6,8 | 9,0 | 8,0 | 7,7 | 7,1 | 6,5 | 4,3 | 4,3 | 6,7 | 8,3 |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku mwaka mu Rwanda | 1,1 | 2,2 | 3,6 | 5,5 | 7,5 | 6,8 | 6,6 | 6,1 | 5,8 | 4,4 | 4,4 | 6,3 | 7,8 |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku kwezi mu mijyi | -0,1 | 0,9 | 1,1 | -0,1 | 1,1 | -0,5 | -0,5 | 0,4 | 0,9 | 0,8 | 0,5 | 0,9 | 1,1 |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku kwezi mu byaro | -0,1 | 2,1 | 2,1 | 2,3 | 0,2 | -2,7 | -1,5 | 0,8 | 1,9 | 0,6 | -0,2 | 1,1 | 1,4 |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku kwezi mu Rwanda | -0,1 | 1,7 | 1,8 | 1,5 | 0,5 | -2,0 | -1,2 | 0,7 | 1,6 | 0,7 | 0,0 | 1,0 | 1,3 |

*Isoko:Ikigo cy' igihugu gishinzwe ibarurishamibare mu Rwanda*

**Ku bindi bisobanuro:**

National Institute of Statistics of Rwanda (NISR),
P.O. BOX 6139 Kigali,
Tel.: (250) 571035 Fax: (250) 570705.
Web site: www.statistics.gov.rw /CPI Indexes

Publication Director: MURANGWA Yusuf, Director General, NISR; yusuf.murangwa@statistics.gov.rw,

MANZI Sébastien, Director of Economic Statistics Department, NISR; sebastien.manzi@statistics.gov.rw,

MUTETIJABIRO Lucie, Price Statistics Research Statistician Team Leader, NISR; lucie.mutetijabiro@statistics.gov.rw